ALLAHUMA BIKA ASW’BAH’NA, WA BIKA AM’SAY’NA , WA BIKA NAH’YA, WA BIKA NAMUTU, WA ILAYKA NUSHURU: Mana Nyagasani twabyutse ku bw’ububasha bwawe, no ku bubasha bwawe tugejeje ku mugoroba, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa ku munsi w’imperuka

Hadith yaturutse kwa Abu Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) Iyo bwacyaga yajyaga isaba iti: "ALLAHUMA BIKA ASW’BAH’NA, WA BIKA AM’SAY’NA , WA BIKA NAH’YA, WA BIKA NAMUTU, WA ILAYKA NUSHURU: Mana Nyagasani twabyutse ku bw’ububasha bwawe, no ku bubasha bwawe tugejeje ku mugoroba, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa ku munsi w’imperuka. N'iyo bwabaga bugorobye yaravugaga iti: BIKA AMSAYNA WA BIKA ASW'BAHNA, WA BIKA NAHYA, WA BIKA NAMUTU, WA ILAYKA A-NUSHUR: Bugorobye ku bw'ububasha bwawe, no ku bubasha bwawe turageza mu gitondo, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa ku munsi w’imperuka. No ku yindi nshuro yaravuze iti: WA ILAYKA AL MASWIIR: Kandi iwawe niho tuzagarurwa.

[Hadithi nziza] [رواه أبو داود والترمذي والنسائي في الكبرى وابن ماجه]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo bwabaga bucyeye, umuseke utambitse yaravugaga iti: Mana Nyagasani tubyutse ku bw’ububasha bwawe, n'ingabire zawe, tugusingiza, tugusaba inkunga ku bw'izina ryawe; no ku bw'ububasha bwawe turageza ku mugoroba, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa ku munsi w’imperuka. N'iyo bwabaga bugorobye yaravugaga iti: Bugorobye ku bw'ububasha bwawe, kandi turiho ku bw'izina ryawe, no ku bubasha bwawe turageza mu gitondo, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa nyuma yo gupfa, kandi nuko bizakomeza. N'iyo byabaga nimugoroba yajyaga ivuga iti: ALLAHUMA BIKA AMSAYNA WA BIKA ASW'BAHNA, WA BIKA NAHYA, WA BIKA NAMUTU, WA ILAYKA A-NUSHUR: Bugorobye ku bw'ububasha bwawe, no ku bubasha bwawe turageza mu gitondo, no ku bwawe turiho no ku bwawe tuzapfa, ndetse no ku bw'igeno ryawe tuzazurwa ku munsi w’imperuka. Bityo ni wowe umbeshejeho, ni nawe uzanyisubiza.